GUSHYIRA IBUYE RY'IFATIZO AHAGIYE KUBAKWA KILIZIYA YA PARUWASI YA NYANGE

Umwepiskopi ashyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa Kiliziya ya Nyange

Kuri uyu wa kane tariki 26/08/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashyize ibuye ry'ifatizo ahagiye kubakwa Kiliziya ya Paruwasi ya Nyange.

Iyo paruwasi yari imaze imyaka isaga 22 nta Ngoro y'Imana ifite, nyuma y'aho iyari ihari isenyewe ku nzirakarengane zari zayihungiyemo mu gihe cy'amahano ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994.

Abakristu ba Nyange bari babukereye baje kwakira Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo wari ubazaniye iyo nkuru nziza dore ko ababatararenza imyaka 24 y'amavuko batigeze babona Kiliziya ya Paruwasi, yewe kuri bo kumva ko kuri paruwasi haba Kiliziya bikaba ari inzozi.

Aho abakristu ba Nyange basengeraga

Igishushanyo cyerekana uko Ingoro igiye kubakwa izaba imeze

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA